# *Ibirimo/Summary/Sommaire page/urup.*

## ***Amateka ya Minisitiri/ Ministerial Orders/ Arrêtés Ministériels***

**N° 001/2018 ryo kuwa 25/04/2018**
Iteka rya Minisitri rigena urutonde rw'imirimo, ibikorwa n'imishinga bigomba gukorerwa isuzumangaruka ku bidukikije ........ 2

**N°001/2018 of 25/04/2018**
Ministerial Order determining the list of works, activities and projects subject to an environmental impact assessment ........ 2

**N° 001/2018 du 25/04/2018**
Arrêté Ministériel portant la liste des travaux, activités et projets faisant l'objet d'une étude d'impact environnemental ........ 2

**Nº 001/07.01 ryo ku wa 19/04/2018**
Iteka rya Minisitiri rigena inshingano, imiterere n'imikorere by'ibigo binyurwamo by'igihe gito ........ 14

**Nº001/07.01 of 19/04/2018**
Ministerial Order determining mission, organization and functioning of transit centers ........ 14

**Nº001/07.01 du 19/04/2018**
Arrêté Ministériel déterminant la mission, l'organisation et le fonctionnement des centres de transit ........ 14

**ITEKA RYA MINISITRI N° 001/2018 RYO KUWA 25/04/2018 RIGENA URUTONDE RW'IMIRIMO, IBIKORWA N'IMISHINGA BIGOMBA GUKORERWA ISUZUMANGARUKA KU BIDUKIKIJE**

**ISHAKIRO**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

**Ingingo ya 3: Urutonde rw'imirimo, ibikorwa n'imishinga bigomba gukorerwa isuzumangaruka ku bidukikije ryuzuye**

**Ingingo ya 4: Urutonde rw'imirimo, ibikorwa n'imishinga bigomba gukorerwa isuzumangaruka ku bidukikije rihinnye**

**Ingingo ya 5: Imirimo, ibikorwa n'imishinga bitari ku rutonde**

**Ingingo ya 6: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

**Ingingo ya 7: Igihe iteka ritangira gukurikizwa**

**MINISTERIAL ORDER N° 001/2018 OF 25/04/2018 DETERMINING THE LIST OF WORKS, ACTIVITIES AND PROJECTS SUBJECT TO AN ENVIRONMENTAL IMPACT ASSESSMENT**

**TABLE OF CONTENTS**

**Article One: Purpose of this Order**

**Article 2: Definitions**

**Article 3: List of works, activities and projects subject to a full environmental impact assessment**

**Article 4: List of works, activities and projects subject to a partial environmental impact assessment**

**Article 5: Works, activities and projects that are not on the list**

**Article 6: Repealing provision**

**Article 7: Commencement**

**ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 001/2018 DU 25/04/2018 PORTANT LA LISTE DES TRAVAUX, ACTIVITES ET PROJETS FAISANT L'OBJET D'UNE ETUDE D'IMPACT ENVIRONNEMENTAL**

**TABLE DES MATIERES**

**Article premier: Objet du présent arrêté**

**Article 2: Définitions**

**Article 3: Liste des travaux, activités et projets faisant l'objet d'une étude d'impact environnemental complète**

**Article 4: Liste des travaux, activités et projets faisant l'objet d'une étude d'impact environnemental partielle**

**Article 5: Travaux, activités et projets non inclus sur la liste**

**Article 6: Disposition abrogatoire**

**Article 7: Entrée en vigueur**

**ITEKA RYA MINISITRI N° 001/2018 RYO KUWA 25/04/2018 RIGENA URUTONDE RW'IMIRIMO, IBIKORWA N'IMISHINGA BIGOMBA GUKORERWA ISUZUMANGARUKA KU BIDUKIKIJE**

**Minisitiri w'Ibidukikije;**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122 n'iya 176;

Ashingiye ku Itegeko Ngenga n° 04/2005 ryo ku wa 08/04/2005 rigena uburyo bwo kurengera, kubungabunga no guteza imbere ibidukikije mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 67 n'iya 70;

Asubiye ku Iteka rya Minisitiri n° 004/2008 ryo ku wa 15/08/2008 rigena urutonde rw'imirimo, ibikorwa n'imishinga igomba gukorerwa isuzumangaruka ku bidukikije;

Inama y'Abaminisitiri, yateranye ku wa 11/04/2018, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

**ATEGETSE:**

**<u>Ingingo ya mbere</u>: Icyo iri teka rigamije**

Iri teka rishyiraho urutonde rw'imirimo, ibikorwa n'imishinga bigomba gukorerwa

**MINISTERIAL ORDER N° 001/2018 OF 25/04/2018 DETERMINING THE LIST OF WORKS, ACTIVITIES AND PROJECTS SUBJECT TO AN ENVIRONMENTAL IMPACT ASSESSMENT**

**The Minister of Environment;**

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176;

Pursuant to Organic Law n° 04/2005 of 08/04/2005 determining the modalities of protection, conservation and promotion of environment in Rwanda, especially in Articles 67 and 70;

Having reviewed Ministerial Order n° 004/2008 of 15/08/2008 establishing the list of works, activities and projects that have to undertake an environment impact assessment;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 11/04/2018;

**ORDERS:**

**<u>Article One</u>: Purpose of this Order**

This Order determines the list of works, activities and projects subject to an

**ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 001/2018 DU 25/04/2018 PORTANT LA LISTE DES TRAVAUX, ACTIVITES ET PROJETS FAISANT L'OBJET D'UNE ETUDE D'IMPACT ENVIRONNEMENTAL**

**Le Ministre de l'Environnement;**

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122 et 176;

Vu la Loi Organique nº 04/2005 du 08/04/2005 portant modalités de protéger, sauvegarder et promouvoir l'environnement au Rwanda, spécialement en ses articles 67 et 70;

Revu l'Arrêté Ministériel n° 004/2008 du 15/08/2008 portant la liste des travaux, activités et projets faisant l'objet d'une étude d'impact environnemental;

Après considération et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 11/04/2018;

**ARRÊTÉ:**

**<u>Article premier</u>: Objet du présent arrêté**

Le présent arrêté établit la liste des travaux, activités et projets devant faire l'objet d'une

isuzumangaruka ku bidukikije mbere yo kubona uburenganzira bwo gutangira gushyirwa mu bikorwa.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri teka, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

1° **isuzumangaruka ku bidukikije ryuzuye:** inyigo y'isuzumangaruka ku bidukikije ikorwa ku byiciro byose by'inzira y'isuzumangaruka ku bidukikije;

2° **isuzumangaruka ku bidukikije rihinnye:** inyingo y'isuzumangaruka ku bidukikije igarukira ku kugaragaza ibibazo byerekeranye n'ibidukikije n'ingamba zikwiye mu kugabanya ubukana bwabyo.

**Ingingo ya 3: Urutonde rw'imirimo, ibikorwa n'imishinga bigomba gukorerwa isuzumangaruka ku bidukikije ryuzuye**

Urutonde rw'imirimo, ibikorwa n'imishinga bigomba gukorerwa isuzumangaruka ku bidukikije ryuzuye mbere yo kubona uburenganzira bwo gutangira gushyirwa mu bikorwa ruri ku mugereka wa I w'iri teka.

environmental impact assessment before being granted authorisation to commence.

**Article 2: Definitions**

In this Order, the following terms have the following meanings:

1° **full environmental impact assessment:** an environmental impact study that covers all the steps of environmental impact assessment process;

2° **partial environmental impact assessment:** an environmental impact study limited to identification of environmental issues and appropriate mitigation measures.

**Article 3: List of works, activities and projects subject to a full environmental impact assessment**

The list of works, activities and projects that have to be subject to a full environmental impact assessment before being granted authorisation to commence is in annex I of this Order.

étude d'impact environnemental avant l'octroi de l'autorisation pour leur démarrage.

**Article 2: Définitions**

Dans le présent arrêté, les termes suivants ont les significations suivantes:

1° **étude d'impact environnemental complète:** une étude d'impact environnemental qui couvre toutes les étapes du processus d'évaluation de l'impact environnemental;

2° **étude d'impact environnemental partielle:** étude d'impact environnemental limitée à l'identification des problèmes environnementaux et des mesures d'atténuation appropriées.

**Article 3: Liste des travaux, activités et projets faisant l'objet d'une étude d'impact environnemental complète**

La liste des travaux, activités et projets qui doivent faire l'objet d'une étude d'impact environnemental complète avant l'obtention d'autorisation pour leur démarrage se trouve en annexe I du présent arrêté.

**Ingingo ya 4: Urutonde rw'imirimo, ibikorwa n'imishinga bigomba gukorerwa isuzumangaruka ku bidukikije rihinnye**

Urutonde rw'imirimo, ibikorwa n'imishinga bigomba gukorerwa isuzumangaruka ku bidukikije rihinnye mbere yo kubona uburenganzira bwo gutangira gushyirwa mu bikorwa ruri ku mugereka wa II w'iri teka.

Iyo mirimo, ibikorwa n'imishinga bikorerwa inyigo hagatangwa icyemezo cy'uko byujuje ibisabwa mu kubungabunga ibidukikije.

**Ingingo ya 5: Imirimo, ibikorwa n'imishinga bitari ku rutonde**

Iyo bibaye ngombwa kandi bigaragara ko umurimo, igikorwa cyangwa umushinga, utari ku rutonde ruri ku mugereka w'iri teka, ushobora kugira ingaruka mbi ku bidukikije, ikigo cy'Igihugu cyo Kubungabunga Ibidukikije cyangwa undi muntu kibihereye uburenganzira bwanditse gishobora gusaba nyirayo ko hakorwa isuzumangaruka ku bidukikije.

**Ingingo ya 6: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

Iteka rya Minisitri n° 004/2008 ryo ku wa 15/08/2008 rigena urutonde rw'imirimo, ibikorwa n'imishinga igomba gukorerwa isuzumangaruka ku bidukikije kimwe n'izindi ngingo zose z'amateka

**Article 4: List of works, activities and projects subject to a partial environmental impact assessment**

The list of works, activities and projects that have to be subject to a partial environmental impact assessment before being granted authorisation to commence is in annex II of this Order.

Those works, activities and projects are subjected to screening for environmental clearance.

**Article 5: Works, activities and projects that are not on the list**

When it is necessary and evident that a work, activity or a project, not listed on the annex to this Order, may have a negative impact on the environment, Rwanda Environment Management Authority or any other person given a written authorization by that Authority may request the owner to conduct an environmental impact assessment.

**Article 6: Repealing provision**

Ministerial Order n° 004/2008 of 15/08/2008 establishing the list of works, activities and projects that have to undertake an environment impact

**Article 4: Liste des travaux, activités et projets faisant l'objet d'une étude d'impact environnemental partielle**

La liste des travaux, activités et projets qui doivent faire l'objet d'une étude partielle d'impact sur l'environnement avant l'obtention d'autorisation pour leur démarrage se trouve en annexe II du présent arrêté.

Ces travaux, activités et projets sont soumis à une évaluation sanctionnée par un certificat de conformité environnementale.

**Article 5: Travaux, activités et projets non inclus sur la liste**

Lorsqu'il est nécessaire et évident que le travail, activité ou projet, qui ne figure pas sur la liste en annexe du présent arrêté, peut avoir un impact négatif sur l'environnement, l'Office Rwandais de Protection de l'Environnement ou toute autre personne ayant l'autorisation écrite dudit Office peut demander au propriétaire de procéder à une étude d'impact environnemental.

**Article 6: Disposition abrogatoire**

L'Arrêté Ministériel n° 004/2008 du 15/08/2008 portant la liste des travaux, activités et projets faisant l'objet d'une étude d'impact environnemental et toutes

abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.

**Ingingo ya 7: Igihe iteka ritangira gukurikizwa**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa **25/04/2018**

(sé)
**Dr. BIRUTA Vincent**
Minisitiri w'Ibidukikije

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

assessment and all other prior provisions contrary to this Order are repealed.

**Article 7: Commencement**

This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **25/04/2018**

(sé)
**Dr. BIRUTA Vincent**
Minister of Environment

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice/Attorney General

les autres dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogés.

**Article 7: Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **25/04/2018**

(sé)
**Dr. BIRUTA Vincent**
Ministre de l'Environnement

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**UMUGEREKA WA I W' ITEKA RYA MINISITRI N° 001/2018 RYO KUWA 25/04/2018 RIGENA URUTONDE RW'IMIRIMO, IBIKORWA N'IMISHINGA BIGOMBA GUKORERWA ISUZUMANGARUKA KU BIDUKIKIJE**

**Imirimo, ibikorwa n'imishinga bigomba gukorerwa isuzumangaruka ku bidukikije ryuzuye ni iyi ikurikira:**

1° inyubako zose ziri mu byiciro bikurikira:

a) iz'imyidagaduro n'izihuriramo abantu benshi;

b) iziberamo ikinamico na siporo;

c) izo basengeramo;

d) iz'imikino ibera ahadatwikiriye;

e) ibigo byo kwigishirizamo/ by'amahugurwa birimo inyubako yose cyangwa itsinda ry'inyubako zifite ubuyobozi bumwe, zikoreshwa n'abanyeshuri cyangwa

**ANNEX I TO MINISTERIAL ORDER N° 001/2018 OF 25/04/2018 DETERMINING THE LIST OF WORKS, ACTIVITIES AND PROJECTS SUBJECT TO AN ENVIRONMENTAL IMPACT ASSESSMENT**

**Works, activities and projects subject to a full environmental impact assessment are the following:**

1° all buildings classified in the following categories:

a) entertainment and public assembly facilities;

b) theater and indoor sport facilities;

c) places of worship;

d) outdoor sport facilities;

e) learning/training institutions that include any building or a group of buildings under single management that are used for more than five hundred (500) students or

**ANNEXE I A L'ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 001/2018 DU 25/04/2018 PORTANT LA LISTE DES TRAVAUX, ACTIVITES ET PROJETS FAISANT L'OBJET D'UNE ETUDE D'IMPACT ENVIRONNEMENTAL**

**Les travaux, activités et projets faisant l'objet d'une étude d'impact environnemental total sont les suivants:**

1° tous les bâtiments classés dans les catégories suivantes:

a) lieux de divertissement et d'assemblée publique;

b) théâtre et lieux de sport intérieur;

c) lieux de culte;

d) lieux de sport en plein air;

e) établissements d'apprentissage/ formation qui comprennent un bâtiment ou un groupe de bâtiments sous la gestion unique qui sont utilisés

abahugurwa barenze magana atanu (500);

f) ibigo nderabuzima n'ibitaro;

g) ahagenewe kwakira abantu hafite ubushobozi bwo kwakira abantu barenga magana atanu (500);

2° inganda;

3° inyubako zikorerwamo imirimo yateza impanuka;

4° inyubako zigenewe kubikwamo ibikoresho byateza impanuka n'ibyangirika;

5° inyubako zigenewe kubikwamo ibikomoka ku buhinzi byangirika ziri ku buso bungana cyangwa burenze kimwe cya kabiri cya hegitari (1/2 ha);

6° aho abantu bashyirwa mu rwego rw'igihano cyangwa kugororwa cyangwa kubera ikibazo cyo mu mutwe;

7° ahakorerwa imirimo y'ubucuruzi itari iy'inganda aho ibihakorerwa

trainees;

f) hospitals and health centers;

g) publicly accessible facilities with a capacity to host more than five hundred (500) people;

2° industries;

3° buildings with activities which can cause hazards;

4° warehouses for storage of hazardous materials;

5° warehouses and storage facilities of perishable agricultural commodities occupying an area of a half a hectare (1/2 ha) and above;

6° places where people are detained for punitive or corrective reasons or because of their mental condition;

7° places of non-industrial commercial activities, where such

par plus de cinq cent (500) étudiants ou stagiaires;

f) hôpitaux et centres de santé;

g) installations accessibles au public pouvant accueillir plus de cinq cent (500) personnes;

2° industries;

3° bâtiments où s'exercent des activités pouvant causer des accidents;

4° entrepôts pour le stockage des biens et matériaux dangereux et périssables;

5° entrepôts de denrées agricoles périssables occupant une superficie d'un demi hectare (1/2 ha) et plus;

6° lieux où les personnes sont détenues pour des raisons punitives ou correctives ou en raison de leur état mental;

7° sites d'activités commerciales non industrielles où les activités y

cyangwa ibihacururizwa bishobora gufata umuriro, kuwukwirakwiza mu buryo bwihuse, kohereza imyuka ihumanya cyangwa se guturika;

8° amagaraji;

9° inyubako zigenewe ububiko bw'ibintu;

10° amahoteli;

11° kubaka no gusana imihanda mpuzamahanga, iy'Igihugu n'Uturere, no gusana amateme manini;

12° kubaka ingomero z'amazi n'imiyoboro y'amashanyarazi;

13° kubaka impombo z'ibikomoka kuri peteroli na gazi ndetse n'ibigega byabyo;

14° kubaka aho amato ahagarara, ibibuga by'indege na gari ya moshi;

15° ibikorwa by'ubuhinzi n'ubworozi bikoresha ifumbire mvaruganda n'imiti yica udukoko mu gishanga;

activities or commercial products may cause fire, cause combustion with extreme rapidity, give rise to poisonous fumes or cause explosions;

8° garages;

9° bonded warehouse;

10° hotels;

11° construction and repair of international, national, District roads and repair of large bridges;

12° construction of hydro-dams, hydropower plants and electrical lines of high and medium voltage;

13° construction of petroleum products and gas pipelines and their storage tanks;

14° construction of terminal ports, airports and railways;

15° agricultural and breeding activities which use chemical fertilizers and pesticides in wetlands;

effectués ou les produits objet du commerce sont susceptibles de provoquer l'incendie, causer une combustion avec une rapidité extrême, provoquer des fumées toxiques ou causer des explosions;

8° garages;

9° entrepôts de stockage;

10° hôtels;

11° construction et réparation de routes internationales, nationales, de District, et réparation de grands ponts;

12° construction des barrages hydroélectriques et lignes électriques;

13° construction d'oléoducs des produits pétroliers et du gaz ainsi que des réservoirs de stockage;

14° construction de ports terminaux, aéroports et chemins de fer;

15° activités agricoles et d'élevage qui utilisent des engrais chimiques et des pesticides dans les zones humides;

| | | |
|---|---|---|
| 16° imishinga minini y'ishoramari mu buhinzi n'ubworozi ikoresha ifumbire mvaruganda n'imiti yica udukoko ikorerwa ku musozi; | 16° large scale investment projects in agricultural and breeding activities which use chemical fertilizers and pesticides on hill sides; | 16° projets d'investissements à grande échelle dans le domaine d'agriculture et d'élevage qui utilisent des engrais chimiques et des pesticides sur les collines; |
| 17° imirimo n'ibikorwa byo guhindura uturemangingo tw'imbuto n'inyamaswa; | 17° works and activities that involve genetic modification of seeds and animals; | 17° œuvres et activités qui impliquent la modification génétique des graines et les animaux; |
| 18° imirimo muri za pariki no mu nkengero zayo; | 18° works in parks and in its buffer zone; | 18° travaux dans les parcs et dans sa zone tampon; |
| 19° imirimo yose ijyanye n'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro; | 19° all works related to mining; | 19° tous les travaux liés à l'exploitation des mines; |
| 20° imirimo yose ijyanye n'ubucukuzi bwa kariyeri ntoya y'ubucuruzi n'inini | 20° commercial small and large scale quarrying; | 20° l'exploitation commerciale de carrière à petite et à grande échelle; |
| 21° kubaka ibiyaga-mpangano; | 21° construction of artificial lakes; | 21° construction des lacs artificiels; |
| 22° kubaka ingomero zo kubika amazi; | 22° construction of water storage dams; | 22° construction des barrages de stockage d'eau; |
| 23° imirimo yo gutunganya ibishanga; | 23° works or activities for marshlands reclamation; | 23° les travaux et activités pour l'amélioration des zones humides; |
| 24° kubaka amabagiro. | 24° construction of slaughter houses. | 24° construction des abattoirs. |

**Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Iteka rya Minisitiri n°001/2018 ryo ku wa 25/04/2018 rigena urutonde rw'imirimo, ibikorwa n'imishinga bigomba gukorerwa isuzumangaruka ku bidukikije**

Kigali, ku wa **25/04/2018**

(sé)
**Dr. BIRUTA Vincent**
Minisitiri w'Ibidukikije

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**Seen to be annexed to Ministerial Order n°001/2018 of 25/04/2018 determining the list of works, activities and projects subject to an environmental impact assessment**

Kigali, on **25/04/2018**

(sé)
**Dr. BIRUTA Vincent**
Minister of Environment

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice/Attorney General

**Vu pour être annexé à l'Arrêté Ministériel n°001/2018 du 25/04/2018 portant la liste des travaux, activités et projets faisant l'objet d'une étude d'impact environnemental**

Kigali, le **25/04/2018**

(sé)
**Dr. BIRUTA Vincent**
Ministre de l'Environnement

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**UMUGEREKA WA II W'ITEKA RYA MINISITRI N°001/2018 RYO KUWA 25/04/2018 RIGENA URUTONDE RW'IMIRIMO, IBIKORWA N'IMISHINGA BIGOMBA GUKORERWA ISUZUMANGARUKA KU BIDUKIKIJE**

**Imirimo, ibikorwa n'imishinga bigomba gukorerwa isuzumangaruka ku bidukikije rihinnye ni ibi bikurikira:**

1° iminara n'anteni;

2° inyubako zose, uretse izigomba gukorerwa isuzumangaruka ku bidukikije ryuzuye, zifite ubushobozi bwo kwakira abantu barenga ijana (100) ariko batarenze magana atanu (500);

3° urugomero rw'amashanyarazi ruto, imiyoboro y'amashanyarazi mito n'imiyoboro y'amashanyarazi idafatira ku muyoboro usanzwe.

**ANNEX II TO MINISTERIAL ORDER N° 001/2018 OF 25/04/2018 DETERMINING THE LIST OF WORKS, ACTIVITIES AND PROJECTS SUBJECT TO AN ENVIRONMENTAL IMPACT ASSESSMENT**

**Works, activities and projects subject to a partial environmental impact assessment are the following:**

1° towers and antennas;

2° all types of buildings, except those qualified for full environmental impact assessment, with a capacity to host more than one hundred (100) people but not exceeding five hundred (500) people;

3° micro hydroelectric power, low voltage electric lines and off grid electrical lines.

**ANNEXE II A L'ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 001/2018 DU 25/04/2018 PORTANT LA LISTE DES TRAVAUX, ACTIVITES ET PROJETS FAISANT L'OBJET D'UNE ETUDE D'IMPACT ENVIRONNEMENTAL**

**Les travaux, activités et projets faisant l'objet d'une étude partielle d'impact environnemental sont les suivants:**

1° tours et antennes;

2° tous les types de bâtiments, à l'exception de ceux soumis à l'étude d'impact environnemental complète ayant la capacité d'accueil de plus de cent (100) personnes mais ne dépassant pas cinq cent (500) personnes;

3° des microcentrales hydroélectriques, des petites lignes électriques et des lignes électriques hors réseau.

**Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Iteka rya Minisitiri n° 001/2018 ryo ku wa 25/04/2018 rigena urutonde rw'imirimo, ibikorwa n'imishinga bigomba gukorerwa isuzumangaruka ku bidukikije**

Kigali, ku wa **25/04/2018**

(sé)
**Dr. BIRUTA Vincent**
Minisitiri w'Ibidukikije

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**Seen to be annexed to Ministerial Order n°001/2018 of 25/04/2018 determining the list of works, activities and projects subject to an environmental impact assessment**

Kigali, on **25/04/2018**

(sé)
**Dr. BIRUTA Vincent**
Minister of Environment

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice/Attorney General

**Vu pour être annexé à l'Arrêté Ministériel n°001/2018 du 25/04/2018 portant la liste des travaux, activités et projets faisant l'objet d'une étude d'impact environnemental**

Kigali, le **25/04/2018**

(sé)
**Dr. BIRUTA Vincent**
Ministre de l'Environnement

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**ITEKA RYA MINISITIRI Nº 001/07.01 RYO KU WA 19/04/2018 RIGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BY'IBIGO BINYURWAMO BY'IGIHE GITO**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

**UMUTWE WA II: INSHINGANO Z'IKIGO KINYURWAMO BY'IGIHE GITO**

**Ingingo ya 3: Inshingano z'ikigo kinyurwamo by'igihe gito**

**UMUTWE WA III: IMITERERE Y'IKIGO KINYURWAMO BY'IGIHE GITO**

**Ingingo ya 4: Imiyoborere y'ikigo kinyurwamo by'igihe gito**

**Ingingo ya 5: Komite ngenzuramyitwarire y'ikigo kinyurwamo by'igihe gito**

**Ingingo ya 6: Abagize Komite ngenzuramyitwarire ku rwego rw'Akarere**

**Ingingo ya 7: Abagize Komite ngenzuramyitwarire ku rwego rw'Umujyi wa Kigali**

**MINISTERIAL ORDER Nº001/07.01 OF 19/04/2018 DETERMINING MISSION, ORGANIZATION AND FUNCTIONING OF TRANSIT CENTERS**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Order**

**Article 2: Definitions**

**CHAPTER II: MISSION OF A TRANSIT CENItTER**

**Article 3: Mission of a transit center**

**CHAPTER III: ORGANISATION OF A TRANSIT CENTER**

**Article 4: Admnistration of a transit center**

**Article 5: Sreening Committee of a transit center**

**Article 6: Members of the Screening Committee at the District level**

**Article 7: Members of the Screening Committee at the level of the City of Kigali**

**ARRÊTÉ MINISTÉRIEL Nº001/07.01 DU 19/04/2018 DETERMINANT LA MISSION, L'ORGANISATION ET LE FONCTIONNEMENT DES CENTRES DE TRANSIT**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet du présent arrêté**

**Article 2: Définitions**

**CHAPITRE II: MISSIONS D'UN CENTRE DE TRANSIT**

**Article 3: Missions d'un centre de transit**

**CHAPITRE III: ORGANISATION D'UN CENTRE DE TRANSIT**

**Article 4: Administration d'un centre de transit**

**Article 5: Comité de sélection du centre de transit**

**Article 6: Membres du Comité de sélection au niveau du District**

**Article 7: Membres du Comité de sélection au niveau de la Ville de Kigali**

**UMUTWE WA IV: IMIKORERE Y'IKIGO KINYURWAMO BY'IGIHE GITO**

**Ingingo ya 8: Inyandiko mvugo ku ifatwa ry'umuntu**

**Ingingo ya 9: Kwakira ushyikirijwe ikigo kinyurwamo by'igihe gito**

**Ingingo ya 10: Abakirwa mu kigo kinyurwamo by'igihe gito**

**Ingingo ya 11: Gushyikiriza ikigo kinyurwamo by'igihe gito ufatiwe mu bikorwa by'imyitwarire ibangamiye abaturage**

**Ingingo ya 12: Kwandika uwakiriwe n'Ikigo kinyurwamo by'igihe gito**

**Ingingo ya 13: Gusuzuma uburwayi bw'abakiriwe mu kigo kinyurwamo by'igihe gito**

**Ingingo ya 14: Icyemezo cya Komite ngenzuramyitwarire**

**Ingingo ya 15: Igihe ntarengwa cyo gutoranya**

**Ingingo ya 16: Koherezwa ahandi**

**Ingingo ya 17: Inyigisho zijyanye no kugororwa by'igihe gito**

**Ingingo ya 18: Ihererekanya ry'umaze gutoranywa**

**CHAPTER IV: FUNCTIONING OF A TRANSIT CENTER**

**Article 8: Statement of apprehension of an individual**

**Article 9: Admissions into a transit center**

**Article 10: Persons hosted by a transit center**

**Article 11: Handing over to a transit center a person involved in deviant behavior**

**Article 12: Registration of a person admitted into a transit center**

**Article 13: Diagnosis of sickness of persons admitted into a transit center**

**Article 14: Decision of the Screening Committee**

**Article 15: Time limit for selection**

**Article 16: Transfer to another place**

**Article 17: Education programs related to rehabilitation for a short period**

**Article 18: Transfer of the selected person**

**CHAPITRE IV: FONCTIONNEMENT DU CENTRE DE TRANSIT**

**Article 8: Procès-verbal d'appréhension d'une personne**

**Article 9: Admissions dans un centre de transit**

**Article 10: Personnes hébergées par le centre de transit**

**Article 11: Remise au centre de transit d'une personne impliquée dans un comportement déviant**

**Article 12: Enregistrement de la personne admise au centre de transit**

**Article 13: Consultation de maladie des personnes admises au centre de transit**

**Article 14: Décision du Comité de sélection**

**Article 15: Délai de sélection**

**Article 16: Transfert à un autre endroit**

**Article 17: Programmes d'éducation liés à la réhabilitation pour une courte période**

**Article 18: Transfert de la personne sélectionnée**

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 19: Uburenganzira bw'umuntu wakiriwe n'ikigo kinyurwamo by'igihe gito** | **Article 19: Rights of a person admitted into transit center** | **Article 19: Droits d'une personne placée dans un centre de transit** |
| **Ingingo ya 20: Ibyo uwakiriwe mu kigo kinyurwamo by'igihe gito abujijwe** | **Article 20: Prohibitions on a person admitted into a transit center** | **Article 20: Interdictions pour une personne placée dans un centre de transit** |
| **Ingingo ya 21: Gusubiza umwana mu muryango we** | **Article 21: Re-integration of a child in his/her family** | **Article 21: Réinsertion de l'enfant dans sa famille** |
| **UMUTWE WA V: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA** | **CHAPTER V: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS** | **CHAPITRE V: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES** |
| **Ingingo ya 22: Kugenzura iyubahirizwa ry'amategeko n'uburenganzira bwa muntu** | **Article 22: Monitoring the compliance with laws and human rights** | **Article 22: Faire le suivi du respect de lois et de droits de la personne** |
| **Ingingo ya 23: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka** | **Article 23: Repealing provision** | **Article 23: Disposition abrogatoire** |
| **Ingingo ya 24: Igihe iteka ritangira gukurikizwa** | **Article 24: Commencement** | **Article 24: Entrée en vigueur** |

**ITEKA RYA MINISITIRI Nº001/07.01 KU WA 19/04/2018 RIGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BY'IBIGO BINYURWAMO BY'IGIHE GITO**

**Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015 cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122 n'iya 176;

Ashingiye ku Itegeko n° 17/2017 ryo ku wa 28/04/2017 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe igororamuco rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 33;

Inama y'Abaminisitiri, yateranye ku wa 14/02/2018, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

**ATEGETSE:**

**MINISTERIAL ORDER Nº001/07.01 OF 19/04/2018 DETERMINING MISSION, ORGANIZATION AND FUNCTIONING OF TRANSIT CENTERS**

**The Minister of Local Government**;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176;

Pursuant to Law n°17/2017 of 28/04/2017 establishing the National Rehabilitation Service and determining its mission, organisation and functioning, especially in Article 33;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 14/02/2018;

**HEREBY ORDERS:**

**ARRÊTÉ MINISTÉRIEL Nº001/07.01 DU 19/04/2018 DETERMINANT LA MISSION, L'ORGANISATION ET LE FONCTIONNEMENT DES CENTRES DE TRANSIT**

**Le Ministre de l'Administration Locale;**

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122 et 176;

Vu la Loi n° 17/2017 du 28/04/2017 portant création du Service National de Réhabilitation et déterminant ses missions, son organisation et son fonctionnement, spécialement en son article 33;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 14/02/2018;

**ARRÊTÉ:**

## UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

### Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Iri teka rigena inshingano, imiterere n'imikorere by'ibigo binyurwamo by'igihe gito.

Rishyiraho kandi ibigenderwaho mu gutoranya no kwemeza abantu bakoze ibikorwa cyangwa bafite imyitwarire ibangamiye abaturage, igihe bamara mu kigo kinyurwamo by'igihe gito n'abafite ububasha bwo kubemeza.

### Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri teka, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

1° **ikigo kinyurwamo by'igihe gito:** ikigo kigenewe kunyurwamo by'agateganyo n'abantu bagaragaza ibikorwa cyangwa imyitwarire bibangamira abaturage, mbere y'uko batoranywa bakoherezwa mu kigo ngororamuco cyangwa bakagororerwa muri icyo kigo by'igihe gito, cyangwa se bakoherezwa ahandi bitewe n'imiterere y'imyitwarire yabo.

## CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

### Article One: Purpose of this Order

This Order determines responsibilities, organization and functioning of transit centers.

It also determines the criteria for the selection and determination of persons who have done acts or exhibits deviant behaviors, the length of their stay in transit center and the competent authorities to determine such persons.

### Article 2: Definitions

In this Order, the following terms are defined as follows:

1° **transit center:** a local center used for accommodating on a temporary basis the people exhibiting deviant acts or behaviors, before their selection and placement to a rehabilitation center or their being rehabilitated at the transit center, or placement to another premise according to their behavior;

## CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

### Article premier: Objet du présent arrêté

Le présent arrêté détermine la mission, l'organisation et le fonctionnement des centres de transit.

Il détermine également les critères de sélection et de détermination des personnes qui ont fait des actes ou qui présentent des comportements déviants, la durée de leur séjour au centre de transit et les autorités compétentes pour déterminer ces personnes.

### Article 2: Définitions

Dans le présent arrêté, les termes repris ci-après sont définis comme suit:

1° **centre de transit:** centre local servant à abriter temporairement les personnes caractérisées par les actes ou comportements déviants, avant leur sélection et envoi dans un centre de réhabilitation ou leur réhabilitation au sein de ce centre de transit, ou leur envoi dans un autre endroit selon leurs comportements;

2° **ibikorwa cyangwa imyitwarire bibangamira abaturage:** imikorere cyangwa imyitwarire mibi nk'uburaya, gukoresha ibiyobyabwenge, gusabiriza, ubuzererezi, ubucuruzi bwo mu muhanda cyangwa kubunza ibicuruzwa mu nzira mu buryo butemewe, n'indi myitwarire yose ibangamiye abaturage;

3° **inyigisho:** ubujyanama n'ibiganiro bihabwa abanyuzwa mu kigo kinyurwamo by'igihe gito bigamije kubagarura mu murongo mwiza ubaganisha ku myitwarire n'ubuzima biboneye.

4° **Komite ngenzuramyitwarire:** itsinda rishinzwe igikorwa cyo gusuzuma, gutoranya no gushyira mu byiciro abarangwa n'ibikorwa cyangwa imyitwarire bibangamira abaturage no gukurikirana uko bagororwa by'igihe gito.

5° **gutoranya:** igikorwa cya Komite ngenzuramyitwarire kigamije kuganira n'uwazanywe mu kigo nk'uwagaragayeho ibikorwa cyangwa imyitwarire ibangamira abaturage, mu kumushakaho

2º **deviant acts or behaviors:** actions or bad behavior such as prostitution, drug use, begging, vagrancy, informal street vending, or any other deviant behavior that is harmful to the public;

3º **training:** counseling and discussions for people placed in a transit center with the aim of bringing them back to a proper orientation towards appropriate behavior and lifestyle;

4º **Screening Committee:** a team in charge of examining, selecting and categorizing people who exhibit deviant acts or behaviors and monitoring their temporary rehabilitation;

5º **selection:** an act of the Screening Committee intended to converse with a person placed in a transit center for exhibiting deviant acts or behaviors, in order to collect information from him/her, and

2º **actes ou comportements déviants:** exercices ou mauvais comportements tels que la prostitution, l'usage des stupéfiants, la mendicité, le vagabondage, le commerce ambulant informel ou tout autre comportement qui porte atteinte au public;

3º **formation:** conseils et débats destinés aux personnes placées dans un centre de transit ayant pour but de les ramener à une bonne orientation vers un comportement et une vie convenables;

4º **Comité de sélection:** un groupe chargé d'examiner, de sélectionner et de catégoriser les personnes caractérisées par les actes ou les comportements déviants et d'assurer le suivi de leur réhabilitation temporaire;

5º **sélection:** un acte du Comité de sélection destiné à dialoguer avec une personne placée dans un centre de transit pour avoir manifesté des actes ou des comportements déviants, afin de recueillir des

amakuru, no gufata icyemezo cy'ikigomba kumukorerwa cyangwa aho agomba koherezwa.

**UMUTWE WA II: INSHINGANO Z'IKIGO KINYURWAMO BY'IGIHE GITO**

**Ingingo ya 3: Inshingano z'ikigo kinyurwamo by'igihe gito**

Ikigo kinyurwamo by'igihe gito gifite inshingano zikurikira:

1° kwakira abashyikirijwe ikigo kinyurwamo by'igihe gito no kwandika mu gitabo cyabugenewe umwirondoro wa buri muntu;

2° gutunga abakiriwe n'ikigo kinyurwamo by'igihe gito no kubaha ubujyanama mu by'imibereho;

3° gutegura uko abashyikirijwe ikigo kinyurwamo by'igihe gito boherezwa aho Komite ngenzuramyitwarire isanze ari ho habafasha kugira imibereho n'ubuzima biboneye;

4° gushyiraho gahunda y'ubujyanama n'ibiganiro bihabwa abanyuzwa mu

decide on the action to be taken for him/her or his/her destination thereafter.

**CHAPTER II: MISSION OF A TRANSIT CENTER**

**Article 3: Mission of a transit center**

A transit center has the following mission:

1° to host persons brought to a transit center and record their identification in a register reserved for that purpose;

